

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE
N°195/03 RYO KU WA 03/08/2016
RISHYIRAHO IBIGENDERWAHO
N'UBURYO BUKURIKIZWA MU
IGENWA RYA INDAMUNITE
Z'ABAKOZI BA LETA

PRIME MINISTER'S ORDER N° 195/03
OF 03/08/2016 ESTABLISHING
CRITERIA AND MODALITIES FOR
DETERMINATION OF ALLOWANCES
OF PUBLIC SERVANTS

ARRETE DU PREMIER MINISTRE
N°195/03 DU 03/08/2016 DETERMINANT
LES CRITERES ET LES MODALITES DE
FIXATION DES INDEMNITES DES
AGENTS DE L'ETAT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri teka

Article 2: Scope of this Order

Article 2: Champ d'application du présent arrêté

Ingingo ya 3: Amoko ya indamunite

Article 3: Types of allowances

Article 3: Types d'indemnité

Ingingo ya 4: Uburyo bwo kubara indamunite y'icumbi n'iy'urugendo

Article 4: Calculation of accommodation and transport allowances

Article 4: Calcul de l'indemnité de logement et celle de transport

Ingingo ya 5: Uburyo bwo kubara inkunga ya Leta yo kwivuza n'iy'ubwiteganyirize

Article 5: Calculation of state contribution for medical care and social security

Article 5: Calcul de contribution aux frais médicaux et à la sécurité sociale

Ingingo ya 6: Uburyo bwo kubara indamunite y'ubuyobozi

Article 6: Calculation of responsibility allowance

Article 6: Calcul de l'indemnité de responsabilité

Ingingo ya 7: Izindi ndamunite

Article 7: Other allowances

Article 7: Autres indemnités

Ingingo ya 8: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Article 8: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 8: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 9: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 9: Repealing provision

Article 9: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 10: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 10: Commencement

Article 10: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 195/03 RYO KU WA 03/08/2016 RISHYIRAHO IBIGENDERWAHO N'UBURYO BUKURIKIZWA MU IGENWA RYA INDAMUNITE Z'ABAKOZI BA LETA

PRIME MINISTER'S ORDER N° 195/03 OF 03/08/2016 ESTABLISHING CRITERIA AND MODALITIES FOR DETERMINATION OF ALLOWANCES OF PUBLIC SERVANTS

ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°195/03 DU 03/08/2016 DETERMINANT LES CRITERES ET LES MODALITES DE FIXATION DES INDEMNITES DES AGENTS DE L'ETAT

Minisitiri w'Intebe;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 59;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/10/2015, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rishyiraho ibigenderwaho n'uburyo bukurikizwa mu igenwa rya indamunite z'abakozi ba Leta.

The Prime Minister;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially Article 59;

On proposal by the Minister of Public Service and Labour;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 14/10/2015;

HEREBY ORDERS:

Article One: Purpose of this Order

This Order establishes criteria and modalities for determination of allowances of public servants.

Le Premier Ministre;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en son article 59;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/10/2015;

ARRETE:

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine les critères et les modalités de fixation des indemnités des agents de l'Etat.

Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri teka

Iri teka rireba indamunite zigize uduce tw'umushahara mbumbe Leta itanga kugira ngo zunganire abakozi bayo.

Ingingo ya 3: Amoko ya indamunite

Mu rwego rwo gufasha abakozi ba Leta kuzuza neza inshingano zabo, Leta ibagenera indamunite zikurikira:

- 1 ° indamunite y'icumbi;
- 2 ° indamunite y'urugendo;
- 3 ° inkunga yo kwivuza;
- 4 ° inkunga y'ubwiteganyirize;
- 5 ° indamunite y'ubuyobozi;
- 6 ° indi indamunite yagenwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha.

Ingingo ya 4: Uburyo bwo kubara indamunite y'icumbi n'iy'urugendo

Indamunite y'icumbi ingana na kimwe cya karindwi (1/7) cy'umushahara fatizo w'umukozi.

Indamunite y'urugendo ingana na kimwe cya karindwi (1/7) cy'umushahara fatizo w'umukozi.

Article 2: Scope of this Order

This Order applies to allowances that constitute gross salary elements paid by the Government to support its employees.

Article 3: Types of allowances

In order to facilitate public servants in discharging their duties, the Government grants the following allowances to them:

- 1 ° accommodation allowance;
- 2 ° transport allowance;
- 3 ° state contribution for medical care;
- 4 ° stated contribution for social security;
- 5 ° responsibility allowance;
- 6 ° other allowance that may be determined by the competent authority.

Article 4: Calculation of accommodation and transport allowances

Accommodation allowance is equal to seventh (1/7) of the basic salary.

Transport allowance is equal to seventh (1/7) of the basic salary.

Article 2: Champ d'application du présent arrêté

Le présent arrêté s'applique aux indemnités constituant les éléments du salaire brut au titre des contributions de l'Etat vis-à-vis de ses agents.

Article 3: Types d'indemnité

Dans le cadre de faciliter ses agents dans l'accomplissement de leur mission, l'Etat leur accorde les indemnités suivantes:

- 1 ° indemnité de logement;
- 2 ° indemnité de transport;
- 3 ° contribution des frais médicaux;
- 4 ° contribution à la sécurité sociale ;
- 5 ° indemnité de responsabilité;
- 6 ° autre indemnité pouvant être déterminée par l'autorité compétente.

Article 4: Calcul de l'indemnité de logement et celle de transport

L'indemnité de logement est égale à un septième (1/7) du salaire de base.

L'indemnité de transport est égale à un septième (1/7) du salaire de base.

Ingingo ya 5: Uburyo bwo kubara inkunga ya Leta yo kwivuza n'iy'ubwiteganyirize

Inkunga ya Leta yo kwivuza n'iy'ubwiteganyirize zibarwa hakurikijwe amategeko agenga kuvuza abakozi ba Leta n'agenga ubwiteganyirize bw'abakozi.

Ingingo ya 6: Uburyo bwo kubara indamunite y'ubuyobozi

Indamunite y'ubuyobozi igenerwa abakozi bafite inshingano yo kuyobora abandi bakozi banganya intera ku mbonerahamwe y'urutonde rw'imirimu yemejwe y'urwego bakorera.

Indamunite y'ubuyobozi ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo itangwa hongerwa atanu ku ijana (5%) ku mushahara fatizo wa buri kwezi w'umukozi uyobora abandi bakozi banganya intera.

Ingingo ya 7: Izindi ndamunite

Hamaze kugishwa inama Minisiteri ifite imishahara y'abakozi ba Leta mu nshingano zayo, umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora kugena izindi indamunite zibarirwa mu mushahara mbumbe w'umukozi wa Leta.

Ingingo ya 8: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

Article 5: Calculation of state contribution for medical care and social security

Calculation of State contribution for medical care and for social security is done in accordance with laws on medical care and social security in public service.

Article 6: Calculation of responsibility allowance

Responsibility allowance is allocated to public servant who, in line with the approved organizational structure, are supervisors of other civil servants on the same job classification level.

The responsibility allowance mentioned in Paragraph One of this Article is granted by adding five (5 %) percentage on the basic salary of the supervisor of public servants of the same level.

Article 7: Other allowances

Upon consultation with the Ministry responsible for salaries of public servants, the competent authority may determine other allowances to be included in the gross salary of a public servant.

Article 8: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning

Article 5: Calcul de contribution aux frais médicaux et à la sécurité sociale

Le calcul de contribution aux frais médicaux et à la sécurité sociale se fait conformément aux lois sur l'assurance maladie et la sécurité sociale dans la fonction publique.

Article 6: Calcul de l'indemnité de responsabilité

L'indemnité de responsabilité est allouée aux agents de l'Etat qui, conformément à la structure organisationnelle approuvée, ont la responsabilité de superviser les autres agents de même niveau sur la classification des emplois.

L'indemnité de responsabilité mentionnée au premier alinéa du présent article est égale à cinq pour cent (5 %) du salaire de base du superviseur des autres agents de même niveau.

Article 7: Autres indemnités

Après consultation avec le Ministère ayant les salaires des agents de l'Etat dans ses attributions, l'autorité compétente peut fixer d'autres indemnités à inclure dans le salaire brut de l'agent de l'Etat.

Article 8: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la

Official Gazette n° 34 of 22/08/2016

are entrusted with the implementation of this Order.

Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 9: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 9: Repealing provision

Article 9: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 10: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 10: Commencement

Article 10: Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repbulika y'u Rwanda.

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 03/08/2016

Kigali, on 03/08/2016

Kigali, le 03/08/2016

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)

MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)

MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

(sé)

UWIZEYE Judith
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

(sé)

UWIZEYE Judith
Minister of Public Service and Labour

(sé)

UWIZEYE Judith
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirangocya Repbulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux